Our Health
Our Future

ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB), bushingiye ku bibazo byagaragaye mu kongerera amakarita agaciro biturutse ku mubare munini w'abantu bahuriraga icyarimwe ku biro bya ***Mituweli*** mu ntangiriro z'umwaka wa 2016-2017, buramenyesha abanyamuryango bayo ibi bikurikira:

1. Umusanzu wa ***Mituweli*** w'umwaka wa 2017-2018 watangiye kwakirwa mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2017);
2. Abanyamuryango ba ***Mituweli*** bashobora kwishyura ku ma konti ya RSSB gahoro gahoro (mu bice) ariko amakarita y'abagize urugo yongererwa agaciro iyo umusanzu usabwa urugo wuzuye;
3. Urugo rumaze kwishyura umusanzu wuzuye, rurasabwa guhita rugana agashami ka ***Mituweli*** kugira ngo amakarita y'abarugize yongererwe agaciro bityo rwirinde ingaruka zo kuzatonda umurongo muremure mu ntangiro z'ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2017);
4. Kwishyura umusanzu bikorerwa ku Murenge **SACCO**, ku bahagarariye **MobiCash** (Mobicash agents), abahagarariye **Equity** Bank, Banki z'abaturage no mu zindi banki z'ubucuruzi zibegereye.

Ubuyobozi bwa RSSB buboneyeho kandi umwanya wo kwibutsa abanyamuryango ko kwishyura umusanzu usabwa bidahagije kugirango umuntu avurwe ahubwo ko umunyamuryango avurwa ari uko yerekanye ikarita yongereye agaciro.

Kigali, kuwa 10/02/2017

GATERA Jonathan